Ubushakashatsi bwa Karindwi kumibereho n’ubuzima bwakozwe mu mwaka wa 2025 bwakorewe mu midugudu Magana atanu na mirongo itandatu (560) yatoranyijwe mudupande tw’ibarura(EAs) twatanzwe n’ibarura rya gatanu ry’abaturage n’imiturire ryo mumwaka wa 2022.

Utu dupande tw’ibarura dutoranywa mugihugu hose, intara zose, uturere twose hanyuma hatoranywa udupande 362 mubice by’icyaro ndetse nutundi 198 mubice by’imijyi. Utu dupande tumaze gutoranywa, abakarani b’ibarura bajya gushyira amanumero kumazu yose yo muri utwo dupande , hanyuma muri buri gapande, hagatoranywamo ingo makumyabiri n’esheshatu(26HHs), bityo igiteranyo cy’ingo zose ziba zatoranyijwe zikagera kubihumbi cumi na bine birenga (14,560 HHs).

Raporo y’ubushakashatsi bwose yasohotse mu kwezi k’Ukuboza 2025 yakorewe kungo ibihumbi 14,434, abagore bari ibihumbi 14,283 bafite imyaka 15 kugeza 49; n’abagabo ibihumbi 6,548 bafite imyaka 15 kugeza 59.

Reference documents (PDF)

- Incamake ku bipimo byavuye mu bushakashatsi ku mibereho n’ubuzima mu Rwanda muri 2025.pdf (pdf, 5.59 MB)
  LAST UPDATED: 23 Oct 2026

Data source

Demographic and Health Survey (2025)

Save as PDF